# KAMONYI


## AMAKURU

Edition 2: Werurwe

IGISHUSHANYO MBONERA CY'IMIKORESHEREZE Y'UBUTAKA CY'AKARERE 2050

IKINYARWANDA


## DLUP2022



**How DDS 2018-24 envisions Kamonyi's economic specialization and employment in 2024**

**Mining, Horticulture, Housing**

## DLUP 2050




**How NLUDMP envisions Kamonyi's economic specialization and employment in 2050**

**Mining, Agro-processing, Handcraft, Low cost Housing**

# IMIKORESHEREZE Y'UBUTAKA Y'UBU 2022

| UBUHINZI | UBUCURUZI | GUTURA | INGANDA | AMASHYAMBA | IBIKORWA RUSANGE | IMIGEZI IBISHANGA | IBIKORWA REMEZO | INYUBAKO ZA LETA |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| 60.3% | 0.2% | 14.9% | 0.1% | 12.3% | 0.4% | 10.1% | 1.6% | 0.1% |

kwibuka29
remember-unite-renew

@KwibukaRwanda | @Unity_MemoryRw | #Kwibuka29
www.kwibuka.rw | www.minubumwe.gov.rw

NLA National Land Authority

AJ + Partners URBAN PLANNERS+ ARCHITECTS+ ENGINEERS.

# URUHARE RWA DDF- IHURIRO RY'ITERAMBERE RYO GUSUZUMA IMITEGURIRE Y'IGISHUSHANYO MBONERA CY'AKARERE KA KAMONYI

DDF, cyangwa se itsinda rizwi nka 'District Development Forum' rikomeje kuba ingenzi mu bikorwa byo kuyobora no gutanga umurongo ngederwaho mw'itegurwa ry'igishushanyo mbonera cy'Akarere ka Kamonyi.

Ibi byagiye bigaragara cyane igihe cyose abagize iri tsinda babaga batumiwe n' inzego z'Akarere kurebera hamwe ibyagezweho, gutanga amakuru, no kujya inama ku byifuzo bitandukanye nkuko amatsinda bahagarariye aba abyifuza. Ni uruhare rukomeye mu gutegurana ubushishozi igishushanyo mbonera cy'Akarere.

Iryo tsinda ryatoranyijwe mu bafatanyabikorwa bahagarariye inzego zitandukanye mu Karere kugira ngo babashe gusangiza amakuru no gusesengura bimwe mu byo babamurikira. Kandi bitewe n' inshingano zabo zitandukanye muri societe, no kuba ari ikomatanyirizo mu mitekereze, barushijeho gusobanukirwa n'uburyo butandukanye mu ikoreshwa ry'ubutaka mu Karere.

*DDF IGIZWE NA JADF, ABANYAMABANGA NSHIGWABIKORWA B'IMIRENGE N'UTUGARI, N'ABANDI BAFATANYABIKORWA BAHAGARARIYE INZEGO ZITANDUKANYE MU KARERE, NJYANAMA, UMUYOBOZI W'ISHAMI RISHINZWE IBIKORWAREMEZO N'IMYUBAKIRE MU KARERE.*

Inama ya mbere yahuje iri tsinda iyobowe na nyakubahwa Meya w'Akarere Dr. Nahayo Sylivere, yagejejweho




uko ibikorwa bigamije gukora igishushanyo mbonera kinoze bihagaze na ba rwiyemezamirimo, hanyuma DDF ihabwa umwanya wo gutanga ibitekerezo hifashishijwe SWOT, ari amagambo asobanuye 'Imbaraga, Intege nke, Amahirwe, n' imbogamizi' zigaragara mu ikoreshwa ryubutaka mu Karere.

Nyuma habayeho gutanga ibitekerezo mu bwisanzure, ahanini ibitekerezo bitagize aho bitandukanira cyane n'ibindi byari byavuye mu yandi matsida yahuje abaturage b'inzego zitandukanye barimo inzego zumutekano, abikorera kugiti cyabo, amatsinda ya bagore, urubyiruko, abatwara imodoka, amagare na za moto nabafite amazu y'ubucuruzi.

Imyanzuro yavuye muriyo nama yagaragaje ibyifuzo by' icyerekezo gishya

*IMYANZURO YAVUYE MURIYO NAMA YAGARAGAJE IBYIFUZO BY' ICYEREKEZO GISHYA CY'IGISHUSHANYO MBONERA CY' AKARERE CYA 2050.*

Gutanga amakuru rero, byari ingenzi kuko biganisha ku bwumvikane ku mikoreshereze y'ubutaka, cyane cyane kubijyanye n' imibereho, ibidukikije, ubukungu n'ubuhinzi birimo indangagaciro z' abaturage.

Iri tsinda, mu nama zagiye ziba nyuma, cyane cyane inama yabaye mu cyumweru cyanyuma cya Werurwe, iyobowe n'umuyobozi wungirije w'Akarere ka Kamonyi ushinzwe ubukungu Bwana Uzziel Niyongira, yagaragaje amahitamo ku cyerekezo binyuze mu guhuriza hamwe bimwe mu bikorwa biranga Akarere ka Kamonyi cyane

kurusha ibindi. Byitezwe ko ayo mahitamo ariyo azavamo amagambo asobanura neza icyerekezo cy' igishushanyo mbonera cy,Akarere ka Kamonyi.

Ishyaka ryagaragajwe na DDF ritanga icyizere ko bishoboka igishushanyombonera kizaba kibereye Akarere ka Kamonyi mu myaka 30 ir' imbere nkuko bikubiye muri Vision 2050.

# GUHITAMO SITE ZIZAKORERWAHO IBISHUSHANYO MBONEZA MITURIRE, N'IGISHUSHANYO CY'AGACE K'UMUJYI KAZABA URUGERO RW'IMYUBAKIRE IGEZWEHO KANDI Y'IGIHE KIRAMBYE



Gutegura site zizakorerwaho ibishushanyo mboneza miturire biri mu ngamba zafashwe n'inzego z'igihugu mu gukemura bimwe mu bibazo bikunda kugaragara mu micungire n'imikoreshereze y'ubutaka mu Rwanda.

*HABAYE GUHITAMO AGACE K'UMUJYI KAZABA URUGERO RW'IMYUBAKIRE IGEZWEHO KANDI Y'IGIHE KIRAMBYE BIRANGIRA ABARI BITABIRIYE IKI GIKORWA BAHISEMO KO BYABA BYIZA UBWIZA BW' UMUJYI BWAGARAGARIRA AHASANZWE HAKORERWA UBUCURUZI (CENTRAL BUSINESS DISTRICT) BITYO RERO BAHITAMO UDUSANTIRE TUZWI NKA GIHARA, BISHENYI, NA RUYENZI. IKI GIKORWA NACYO CYAGENEWE HEGITARI 100*

Muri iyi gahunda hazifashishwa amahame mpuzamahanga ya PILaR (Participatory and Inclusive Land Readjustment) bisobanuye ubwumvikane na ba nyirubutaka, bakemeranya buryo ki bakora ibishushanyo mboneza miturire igendanye n'igihe.

*MU MASEZERANO Y' ITEGURWA RY'IGISHUSHANYO MBONERA, HATEGANIJWE UBUTAKA BUNGANA NA HEGITARI 300' AHO 200 ZIZAGENERWA IGICE CY'UMUJYI N' UDUSANTIRE TW' UBUCURUZI NAHO HEGITARI 100 ZIGAKORERWA UBUTAKA BWO MU MIRENGE IGIZE ICARO*

Ni muri ubwo buryo rero habayeho guhuza ababishinzwe mu Mirenge itandukanye y'Akarere ka Kamonyi kugira ngo bafate imyanzuro y'ahazakorerwa inyigo y'ibishushanyo mboneza miturire.

Iki gikorwa cyarebaga cyane cyane Imirenge igize igice cy'umujyi n'iyindi y'icyaro kugira ngo hanozwe gahunnda y'imiturire yo mu gice cy'icyaro nkuko bikorwa no mu gice cyu'umujyi.

Mu masezerano y' ikorwa ry'igishushanyo mbonera, hateganijwe ubutaka bungana na hegitari 300' aho 200 zizagenerwa igice cy'Umujyi n' udusantire tw' ubucuruzi naho hegitari 100 zigakorerwa ubutaka bwo mu Mirenge igize icaro.

Bamwe mu bari bitabiriye iki gikorwa bagiye bahitamo imidugudu izashyirwamo izo site, aho imirenge irimo Musambira yagenewe hegitari 80, Mugina hegitari 60, na Rukoma hegitari 60 zingana na hegitari 200 zose hamwe.  bitewe nuko ari Imirege ifatwa nk'igice cy'Umujyi cyangwa udusantire dukomeye muri Kamonyi. Naho izindi hegitari 100 zagenewe Imirenge ya Nyarubaka kuri hegitari 40, Nyamiyaga kuri hegitari  30 na

Kayenzi kuri hegitari 30.

Nyuma y'ibyo habaye guhitamo agace k'Umujyi kazaba urugero rw'imyubakire igezweho kandi y'igihe kirambye birangira abari bitabiriye iki gikorwa bahisemo ko byaba byiza ubwiza bw' Umujyi bwagaragarira ahasanzwe hakorerwa ubucuruzi (Central Business District) bityo rero bahitamo udusantire tuzwi nka Gihara, Bishenyi, na Ruyenzi. Iki gikorwa nacyo cyagenewe hegitari 100 zizasaranganwa hagati ya Gihara, Bishenyi na Ruyenzi.




# ITEGURWA IGISHUSHANYOMBONERA RYEGEREJWE ABATURAGE

Nyuma y'ibikorwa bitandukanye byabereye ku rwego rw'Akarere ka Kamonyi bigamije gukusanya amakuru, n'uruhare rw'umuturage mu gutegura igishushanyo mbonera cy'Akarere, hatangijwe ibindi bikorwa bitandukanye bibera muri buri Murenge bigamije kugaragaza ibikorwa by'ingenzi buri murenge ugiye ufite nk' amashuri, amavuriro, amasoko, ibiro by' Utugari, amarimbi, amashyamba, amasoko y'amazi nibindi bikorwaremezo kugirango ntihazagire ikibagirana muri iki gikorwa cy'itegurwa ry'igishushanyombora.

*KUGEZA UBU IKI GIKORWA KIMAZE KUGERA MU MIRENGE YA KAYENZI, KAYUMBU, MUGINA, NGAMBA, RUKOMA, NYARUBAKA, MUSAMBIRA NA KARAMA.*

Nubwo ibi bikorwa byatangijwe hagaragara intege nke mu kubyitabira, byagiye bifata indi ntera nyuma, aho kugeza ubu abantu, cyane cyane bahagarariye inzego z'ubuyobozi ku Mirenge bamaze kugenda bakangurirwa neza akamaro kabyo kandi ubu bakaba basigaye batanga amakuri ahagije mu bikorwa byo mu Mirenge babarizwamo. Kenshi, abitabira barimo abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Imirenge n'Utugari, abashinzwe amashyamba, ubuhinzi, imibereho myiza, uburezi, n'abashinzwe ubutaka mu Mirenge.



Kugeza ubu iki gikorwa kimaze kugera mu mirenge ya Kayenzi, Kayumbu, Mugina, Ngamba, Rukoma, Nyarubaka, Musambira na Karama.

Iyi Mirenge yose yagiye igaragaramo ibibazo bitandukanye mu ikoreshwa ry'ubutaka birimo kutagira ikimoteri kibegereye, amarimbi yegereye aho abaturage batuye, hamwe na hamwe usanga akagari kegeranye nakandi bufite amarimbi atandukanye, n'imihanda idakoze neza.

Ikindi nuko bigaragara ko mu Mirenge itandukanye hari ahagenewe imikoreshereze y'ubutaka itajyanye n'imiterere cyangwa amateka yabwo hamwe usanga haragenewe amashyamba cyangwa ubuhinzi ariko haberanye n' imiturire.

## GUSURA AMWE MU MA SITE YAKWIBANDWAHO CYANE MW' IKORESHWA RY'UBUTAKA BITEWE N'INGIRAKAMARO AFITIYE ABATURAGE



Ibikorwa bigamije kugaragaza ikoreshwa ry'ubutaka mu mirenge itandukanye hifashishijwe amakarita y'imirenge, byiyongereyeho ibindi bikorwa byo gusura ama site y'ubutaka atandukanye kugira ngo habeho ibiganiro n'abaturage bafite imitungo mu duce dutandukanye nabandi bafatanyabikorwa kugira ngo harebwe uburyo iyo mitungo yarushaho kubyanzwa umusaruro.

Muri iki gikorwa, hagiye hitabwa ku hantu hafite agaciro gakomeye nko kubungabunga ibidukikije, uduce dufite dusobanuye ku muco, umurage, n'amateka y'abanyarwanda, uduce dukunda kwibasirwa n'ibiza.

Amakuru nk'aya n'ingenzi mu gufasha kumenya no gukemura amakimbirane ashobora kugaragara hagati y'iterambere riteganijwe hamwe n'imikoreshereze y'ubutaka itandukanye ndetse no kumenya ahakenewe isesengura ryimbitse mu gihe cyo gutegura igishushanyo mbonera cy'imikoreshereze y'ubutaka mu Karere ka Kamonyi.

*MURI IKI GIKORWA, HAGIYE HITABWA KU HANTU HAFITE AGACIRO GAKOMEYE NKO KUBUNGABUNGA IBIDUKIKIJE, UDUCE DUFITE DUSOBANUYE KU MUCO, UMURAGE, N'AMATEKA Y'ABANYARWANDA, UDUCE DUKUNDA KWIBASIRWA N'IBIZA.*

# KUBUNGABUNGA IBIDUKIKIJE NI KIMWE MU BINTU BY 'INGENZI MURI GAHUNDA YO GUKORESHA UBUTAKA NEZA MU KARERE KA KAMONYI

Bitewe n'imihindagurikire y'ikirere n'ingaruka mbi zabyo mu iterambere ry'ubukungu, Kubungabunga no gukumira imikoreshereze y'ibidukikije biri mu mahame tugenderaho muri gahunda yo gukora igishushanyombonera cy'Akarere ka Kamonyi.

Mu mikoranire itandukanyeirimoibiganiro n'abafatanyabikorwa bazwi nka DDF n'abandi, kandi binyuze mu isesengura rya SWOT, bisobanuye "Imbaraga, Intege nke, Amahirwe n'Imbogamizi" zigaragara mu ikoreshwa ry'ubutaka, ibipimo ngenderwaho byerekana ibibazo bitandukanye by'imicungire y'ibidukikije bikeneye kwitabwaho cyane n'abakoresha ubutaka ariko by'umwihariko n'inzego z'ubuyobozi zitandukanye cyane cyane abayobozi b'akarere bashinzwe gushyira mu bikorwa politiki yo gucunga no kubungabunga ibidukikije.

*IBI BIKURIKIRA BIFITE INGARUKA MBI MU KUBUNGABUNGA IBIDUKIKIJE: GUTURA AHATEMEWE, ISURI, GUTEMA AMASHYAMBA, KWANDUZA AMAZI MU NZUZI N'IMIGEZI ISANZWE NKA NYABARONGO, TEKINIKI ZIKORESHWA MU BUCUKUZI BW'AMABUYE Y'AGACIRO ZIDAHWITSE, INKANGU.*

Bimwe mu bibazo by'ibidukikije byagiye bigaragara inshuro nyinshi mu bitabiriye ibikorwa bitandukanye byo gutanga inama no kurebera hamwe icyakorwa harimo gutura ahatemewe, kwangirika k'ubutaka n'isuri y'ubutaka, gutema amashyamba, kwanduza amazi mu nzuzi n'imigezi isanzwe nka Nyabarongo, tekiniki zikoreshwa mu bucukuzi bw'amabuye y'agaciro zidahwitse, inkangu, byose bifite ingaruka mbi mu kubungabunga ibidukikije.

Mu rwego rwo kurengera ibidukikije no guhangana n'imihindagurikire y'ikirere, hagomba gufatwa ibyemezo ku mikoreshereze myiza y'ubutaka binyuze mu guhitamo uburyo bwiza bwo gukoresha ubutaka mu rwego rwo kubungabunga umutungo kamere.

Bigaragara neza ko kwangirika kw'ibidukikije bigira izindi mbogamizi ku igenamigambi ry'imikoreshereze y'ubutaka kandi ko biramutse bidashakiwe igisubizo, byanze bikunze bizakomeza gutera ingaruka mbi nk'myuzure, amapfa, ibura ry'amazi, ubushyuhe bukabije, ndetse no kugabanya agaciro k' ubutaka.



+250 782 229 146 facebook KamonyiDistrictLandUsePlan2050 www.ajandpartnersgroup.com, KIGALI, RUBIS PLAZA
https://twitter.com/DlupKamonyi/ kamonyi.dlup@gmail.com